ASb approved



# Nema agura urudodo

Ibitabo bito bya Zebra
Mirjam Gyger

Kinyarwanda


African Storybook.org



Uyu ni Nema.

Nema aradoda.


Nema arimo kudoda ijipo.



Nema aradoda n’ urudodo.

Urudodo rurarangiye. Nema akeneye kugura izindi ndodo.

Nema akeneye amafaranga yo kugura urudodo. Azakura he amafaranga?



Nema abona igiti.

Igiti kiri hafi. Igiti gifite imbuto.

Imbuto ni amapapayi.

Amapapaye araryoshye.



Nema afite inkoni.

Ahanura amapapaye.



Nema ageze ku isoko.

Ageze ku isoko hamwe n’amapapaye.

Arashaka kugurisha amapapayi.




Reba  umugabo. Umugabo agura amapapaye. Yahaye Nema amafaranga.

Nema agurisha amapapayi menshi. Agiye kugura urudodo n'amafaranga.




Ku isoko abona imineke.

Ntiyagura imineke.



Ku isoko abona inyanya.

Ntiyaguze  inyanya.



Ku isoko abona akayunguruzo.

Ntiyagura akayunguruzo..



Ku isoko abona umugati.

Ntiyagura umugati.



Hanyuma Nema abona umugabo.

Umugabo arimo kugurisha urudodo.

Nema agura urudodo.



Nema afite urudodo!
Arishimye cyane.

Azarangiza kudoda ijipo ye n’urudodo.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Nema agura urudodo

**Umwanditsi** -- Ibitabo bito bya Zebra
**Icyitegererezo** - Mirjam Gyger
**Ururimi** - Ikinyarwanda
**Urwego** - Paragarafu ya mbere

© African Storybook Initiative 2018
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org
Inkomoko yumwimerere © 2016 Ikirere cy'Impuhwe /JOCUM

**2023.07.15**